

UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE
AMARUSHANWA MU MIKINO YA SIPORO.

Umwaka utaha w'i 1985, umwaka wahaliwe urubyiruko kw'isi hose n'Umulyango w'Abibumbye, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative izakoresha amarushanwa mu mikino ya siporo. Hateganijwe imikino y'ubwoko bune : umukino ngorora-mubili (Athlétisme), Isiganwa ry'amagare (Course cycliste), Isiganwa ry'abanyamaguru (Course populaire) n'Umupira w'amaguru w'Urubyiruko rutarengeje imyaka 24 (Football Junior).

Uretse isiganwa ry'abanyamaguru (Course populaire) lizakorerwa mu rwego rwa Komini gusa, iyindi izakorerwa no mu rwego rwa Prefegitura n'urw'igihugu cyose. Itegurwa yayo marushanwa lizahera kandi muli za Selire na za Segiteri.

Biragaragara ko imikino ya siporo iteganijwe mu nzego nyinshi. Impamvu z'izo nzego ni ukugirango imikino icengere kurushaho mu baturarwanda bose, cyane cyane mu bo mu cyaro, kuko ubungubu usanga imikino ikunda kwibanda mu rubyiruko rwo mu mashuli, mu ngabo z'igihugu, mu migi. Mu cyaro usanga imikino batayikangukiye bihagije n'ubwo itangiye kubageraho. Muli uliya mwaka w'Urubyiruko rero, twaboneyeho kugirango dushimangire igikorwa cyatangiye cyo gukwiza imikino mu banyarwanda bose bo mu ntara zose. Ibyo bikaba bihuye ndetse n'intego za Muvoma yacu n'amabwiliza y'Umukuru w'Igihugu byerekeranye no gukwiza imikino muli rubanda nyamwinshi no mu ntara zose z'Igihugu. Ibyo kandi nibyo byatuma igihugu cyacu cyibona abahanga bagihagaralira mu mikino mpuza-mahanga tutiyambaje gusa urubyiruko rwo mu mashuli, mu migi no mu ngabo z'igihugu.

Ntakuntu rero baboneka mu gihe buli muturarwanda wese adakina. Mu gihe rero buli muturarwanda wese yita ku mikino twakwizera yuko urubyiruko rwinshi ruzaba rukangukiye imikino, rugakina maze rukagaragara ubuhanga. Ibi kunda kugaragara muli iki gihe nuko abakangukiye imikino, uretse rwa rubyiruko rudahagije rwo mu mashuli, mu ngabo z'iginugu no mu migi, ni abantu bakuze. Aba rero icyo bamaze gusaza babura ababasimbura babyiteguye hakili kare alibo rubyiruko. Ni nayo mpamvu u Rwanda rudatera imbere, ntirugaragare mu marushanwa mpuza-mahanga kuburyo bushimishije. Mbese usanga ubushobozi bw'abakinnyi bacu ntacyo bwiyungura, ahubwo bumora ali bumwe.

Muli uliya mwaka w'urubyiruko kw'isi hose rero, amarushanwa ategurwa agamije gukangurira no gucengeza imikino mu banyarwanda, cyane cyane mu rubyiruko kugirango u Rwanda rw'ejo alirwo rubyiruko rw'iki gihe ruzarusheho kumererwa neza kubazaba barutuye, havuyeho ukwishisha guturuka mu bushobozi buke rwaba rufite mu mikino, nagati yarwo ubwarwo, cyangwa se kubazaba batuye isi yose.

.../...

Muli ayo marushanwa, urubwiruko ruzafataniliza hamwe, ali urwo mu cyaro, ali urwo mu migi, ali urwo mu mashuli, ali urwo mu ngabo z'igihugu kugirango bategulire hamwe guteza imikino imbere mu Rwanda ruzaba rutuye ejo.

Ayo marushanwa asaba kandi buli muturarwanda wese kwifatanya n'urwo rubwiruko. Abakuze ntibayahejwemo, kuko bagomba kubera urugero urwo rubwiruko, bakarwerekera, bakarutera inkunga mu gutegura u Rwanda ruzaba rutuye ahazaza.

Munyandiko ikulikira turarebera hamwe itegurwa ry'ayo marushanwa.

I. Umukino ngorora-mubili (Atnlétisme)

Uyu mukino ufite imyitozo myinshi idasanze ikorwa n'urubwiruko nyamwinshi cyane cyane urwo mu cyaro. Impamvu z'iyi myitozo myinshi, ni ukugirango uliya mwaka w'urubwiruko kw'isi hose uzabe ifatizo mu kuyimenya, bityo abasore n'inkumi bakayitoba, maze mu gihe baserukiye igihugu bazajye berekana imyitozo yuzuye nkuko ikorwa mu bindi bihugu.

Nanone kandi amarushanwa azakorerwa mu nzego nyinshi z'igihugu, kuva mu rwa Komini kugeza mu rw'igihugu cyose.

1. Imyitozo iteganijwe.

Abagabo :

Kwiruka : 100m, 200m, 400m, 800m, 1500m, 3000m, 5000m, 10.000m,

Gusimbuka : Umurambararo (Longueur), Umurambararo utarutse inshuro eshatu (T.Saut), Urukiramende (Hauteur), Gusimbukisha ikibando (Perche).

Kujugunya : Intosho (Poids), Ingasire (Disque), Umuhunda (Javelot)

Abagore

Kwiruka : 100m, 200m, 400m, 800m, 1500m, 3000m, 5000m, 10.000m,

Gusimbuka : Umurambararo (Longueur), Urukiramende (Hauteur)

Kujugunya : Intosho (Poids), Ingasire (Disque), Umuhunda (Javelot).

2. Inzego z'amarushanwa.

a) Urwego rwa Komini.

Muli uru rwego, ubutegetsu bwa Komini buzatoranya umukinnyi 1 muli buli mwitozo. Ubwo ni ukuvuga abagabo 15 n'abagore 13, bese hamwe bakaba 28. Aba nibwo bazahagaralira Komini mw'irushanwa lizahuze amakomini mu rwego rwa Prefegitura.

.../...

Icyitonderwa : Itegurwa n'ikorwa ry'ikipi ya Komini bireba ubutegetsi bwa Komini yonyine.

b) Urwego rwa Perefegitura

Uru rwego ruzahulirwamo n'amakomini yose agize Perefegitura, kandi irushanwa lizabera mu murwa wa Perefegitura. Ubutegetsi bwa Komini busabwe kuzageza ikipi ya Komini kuli Perefegitura, bukazanayicyura.

Iryo rushanwa lizayoborwa n'ubutegetsi bwa Perefegitura bafatanije n'Umuyobozi w'Urubuyiruko. Intumwa za Ministeri y'Urubuyiruko no Gutsura za Koperative zizajya kubunganira.

Muli iryo rushanwa hazatorwamo 2 muli buki mwitozo. Ni ukuvuga ko buki Perefegitura izatoranya abagabo 30 n'abagore 26, bose hamwe bakaba 56. Aba nibo bazajya mw'irushanwa lizahuza amaperefegitura yose i KIGALI.

Icyitonderwa : Ibyerekeye kwica akanyota nyuma y'irushanwa, Ministeri izunganira ubutegetsi bwa Perefegitura.

c) Urwego rw'amaperefegitura.

Irushanwa lizabera muli uru rwego lizahuza amaperefegitura yose lizaba ligamije gutoranya abakinnyi bo mu cyaro bazajya mw'irushanwa ry'igihugu cyose. Twibutse ko mw'irushanwa ry'amaperefegitura, buki Perefegitura izaba ihagaraliwe n'abakinnyi 56. Lizabera kandi i Kigali.

Mu kugeza abakinnyi i KIGALI no kubasubiza i muhira, Ministeri izunganira amaperefegitura, hamwe no kubatunga mu gihe bazaba bali i KIGALI. Alike kuva kuli Komini kugera ku murwa wa Perefegitura no gusubira muli Komini bizakorwa n'ubutegetsi bwa Komini.

Ikipi ya Perefegitura izaba iherekejwe n'umuntu 1.

Nyuma y'iryo rushanwa hazatoranywa abakinnyi 3 muli buki mwitozo bagomba kujya mw'irushanwa ry'igihugu cyose. Ni ukuvuga ko abazatorwa bose hamwe ari 84 (abagore 39 n'abagabo 45).

d) Urwego rw'Igihugu cyose.

Irushanwa ry'igihugu cyose lizahuza ABANYESHULI bo mu mashuli makuru n'ayisumbuye, INGABO Z'IGIHUGU n'URUBUYIRUKO rwo mu cyaro. Muli buki gite hazavamo abakinnyi 84, bose hamwe bakaba 252.

Kimwe no mu rwego rw'amaperefegitura, Ministeri izafasha za Perefegitura mu kugeza abakinnyi bazaba baratoranijwe i KIGALI no kubasubiza kuli Perefegitura, kubatunga nabyo ni Minisiteri izabikora.

3. Igihe amarushanwa azabera.

- Urwego rw'amakomini : Werurwe 1985
- Urwego rwa Perefegitura : Gicurasi 1985
- Urwego rw'amaperefegitura : Nyakanga 1985
- Urwego rw'igihugu : Kanama 1985.

ICYITONDERWA

=====

- Amategeko agenga ayo marushanwa ni ay'Ishyirahamwe mpuza-mahanga ry'umukino ngorora-mubili (FIAA)
- Ali abato, ali abakuru, bese bemerewe kuyajyamo.
- Iminsi y'ukwezi amarushanwa yo mu rwego rwa Perefegitura, rw'amaperefegitura n'urw'igihugu cyose azaberaho azamenyeshwa mugihe cyiza kuza.

II. Isiganwa ry'amagare (Course cycliste)

Itegurwa ry'ili siganwa liteye nk'iry'umukino ngorora-mubili.

Mu rwego rwa Komini, ubutegetsu bwa Komini buzakora ikipi igomba kuzajya mw'irushanwa lizahuza amakomini yose kuli Perefegitura. Irushanwa lizabera kuli Perefegitura lizaba ligamije gutoranya abakinnyi bazajya mw'irushanwa ry'igihugu cyose.

Abantu bose bashaka kujya mw'isiganwa ry'amagare bagomba kwiyandikisha muli Komini bavukamo, ali abanyeshuri, ali ingabo z'igihugu. Itoranya ry'abahanga lizatangilira muli Komini, ntakuvangura urubyiruko rwo mu cyaro n'urundi.

Imiterere yo gutoranya :

- Mu rwego rwa Komini : Ubutegetsu bwa Komini buzakoresha isiganwa kuli 25 km, maze batoranye abakinnyi 10 (icumi). Abo nibo buki Komini izajyana mw'irushanwa lizabera kuli Perefegitura.
- Mu rwego rwa Perefegitura : Ubutegetsu bwa Perefegitura buzakoresha irushanwa ry'amakomini yose ayigize kuli 50 km maze batoranye abakinnyi 10 (icumi). Abo nibo buki Perefegitura izajyana mu rwego rw'igihugu cyose.

.../...

- Mu rwego rw'igihugu : Umubare w'abakinnyi bose ni 100 (ijana). Isiganwa lizakorerwa ku muhanda KIGALI - GAKENKE no kugaruka.

Ministeri izunganira ubutegetsi bwa Perefe gitura mu gukoresha irushanwa lizabera mu rwego rwa Perefe gitura. Izaboherereza intumwa igenewe kubafasha, kandi izabatera inkunga mu byerekeye kwica akanyota nyuma y'irushanwa.

Naho mu rwego rwa Komini, bizagenda nko mu mikino ngorora-mubili. Abakuru ba Komini bazageza abakinnyi mu murwa wa Perefe gitura kandi baba-subize muli Komini.

Mu rwego rw'igihugu cyose, Ministeri izafasha ubutegetsi bwa Perefe gitura kugeza abakinnyi i KIGALI no kubasubiza ku murwa wa Perefe gitura. Igihe bazaba bali i KIGALI, Ministeri niyo izabita-ho.

Twibutse kandi ko mw'irushanwa ry'amagare, abakinnyi bagomba kugira UBWISHINGIZI (Assurance) kubera impanuka zishobora kuba mu gihe barushanwa.

Mu rwego rwa Komini n'urwa Perefe gitura, ubwo bwisningizi buzategurwa n'ubutegetsi bw'izo nzego.

Mu rwego rw'igihugu cyose, ni Ministeri izabikora.

Mbere y'irushanwa ry'igihugu cyose, abakinnyi bashobora gufata inzira izakorerwaho iryo rushanwa, aliko kubushake no kugiti cya buli mukinnyi.

Ibihembo bizatangwa aliko bizahabwa icumi (10) bambere mw'irushanwa ry'igihugu cyose.

Igihe amarushanwa azabera.

- Mu rwego rwa Komini : Mata 1985
- Mu rwego rwa Perefe gitura : Kamena 1985
- Mu rwego rw'igihugu cyose : Kanama 1985.

II. Umupira w'Amaguru "Junior" (Football Junior).

Irushanwa ry'umupira w'amaguru lizakorerwa mu nzego eshatu :

- Urwego rw'amakomini : Muli uru rwego, ubutegetsi bwa Komini buzakoresha amarushanwa mu masegiteri. Ayo amarushanwa azaba agamiye gutoranya abakinnyi bagomba kujya mw'ikipi ya Komini. Iyo kipi nimara kuboneka, izajya mw'irushanwa lizahuza amakomini yose ya Perefe gitura.

- Urwego rwa Perefegitura : Muli uru rwego, hazaba irushanwa ligamiye gutoranyanya ikipi igomba guhagaralira Perefegitura. Amakomini yose azahura, maze ubutegetsu bwa Perefegitura butoranye abakinnyi bashoboye, bakore ikipi ya Perefegitura.
- Urwego rw'igihugu : Muli uru rwego, hazarushanlizwa amakipi ya za Perefegitura zose.
- Itegurwa ry'ayo marushanwa: Mu rwego rwa Komini n'urwa Perefegitura, amarushanwa ashobora gukorwa kuburyo bwa "championnat" cyanga mu buryo bwa "tournoi".
Muli "championnat" ni ukuvuga ko amakipi yose yahura kabili (Matches-aller et retour), naho muri "tournoi" amakipi yahura limwe (Eliminatoires directes). Abazalitegurwa bazashaka uburyo boboroheye.

Na none kandi, bishoboka ko Komini cyangwa Perefegitura yagabanyamo ibice (zones), maze amarushanwa akabanza akabera mulibyo bice nyuma hakazaba "finale" izerekana ikipi yambere.

ICYITONDERWA.

Mu rwego rwa Komini, ikipi igomba kuzaba yaragaragaye muri Werurwe (3) 1985.

Mu rwego rwa Perefegitura, ikipi igomba kuzaba yaragaragaye muri Gicurasi (5) 1985.

Irushanwa ryo mu rwego rw'igihugu cyose lizakorwa kuburyo bukurikira:

- .) KUBUNGO - KIGALI - BYUMBA - RUHENGURI bizajye hamwe
- .) GITARAMA - GIKONGORO - BUTARE " "
- .) CYANGUGU - KIBUYE - GISENYI " "

Programu y'Imikino:


- Shampiona ibanza (par zones) : 30 Kamena 85 - 1ère journée aller
7 juillet 85 2e journée aller
14 juillet 85 3e journée aller
21 juillet 85 4e journée - retour
28 juillet 85 5e journée - retour
4 août 85 6e journée - retour

- Tournoi final : 11 août 85 - 1er match
15 août 85 - 2e match
18 août 85 - 3e match
25 août 85 - match de remise de coupe.

.../...

ICYITONDERWA

- Le classement se fait par points et par zone pour le tour préliminaire.
- Pour le tournoi final, seront retenues les équipes premières dans les zones à trois Préfectures; et les deux premières de la zone à 4 Préfectures.
- Le tournoi se jouera par élimination directe en un seul match:



- Pour le tournoi final, les rencontres seront tirées au sort, étant entendu que les deux premières de la zone à 4 Préfectures ne peuvent pas se rencontrer en 1/2 finale.

IV. Isiganwa ry'amaguru (Course populaire)

Ili rushanwa lizabera mu rwego rwa Komini gusa. Abaturage ba Komini bose bashaka kulijyamo baziyandisha mu butegezi bwa Komini. Ali abato, ali abakuru bose bashobora kulijyamo. Kugirango buli wese yishyire yizane muli iryo rushanwa, ibyiza nuko haba ivangura ry'imyaka n'ibitsina. Ni ukuvuga ko abakili bato bakwiruka ukwabo; abagore n'abagabo nabo bakavangurwa :
Dore uko iryo vangura ryaba liteye :

Abagabo : kuva ku myaka 10 kugeza kuli 35
- kuva ku myaka 36

Abagore : - kuva ku myaka 19 kugeza kuli 35
- kuva ku myaka 36 kugeza

Itegurwa ry'iryo rushanwa

Abantu bamaze kwiyandikisha, hakulikiraho ivangurwa.

Nyuma, ubutegezi bwa Komini bukagena aho buli gice cy'abasiganwa cyatangilira ukwacyo, maze bose bakiruka bagana kuli Komini.

Kuva kumyaka 10 kugeza kuli 35
(Abagore)

Arrivée

Kuva ku myaka 10 kugeza kuli
35. (Abagabo).

Komini

Arrivée

Arrivée

Kuva ku myaka 36 kugeza
kuli.....
(Abagore)

Arrivée

Kuva ku myaka 36 kugeza.....
(Abagabo).

Ubundi buryo

Arrivée

Kuva ku myaka 10 kugeza kuli
35.
(Abagore + Abagabo).

Komini

Arrivée

Kuva ku myaka 36 kugeza
(Abagabo + Abagore).

ICYITONDERWA:

.) Aho bazarangiliza hazaba hali abayobozi bagomba gufata uwo mbere muli buli gice.

- Uwa mbere mu bagore kuva ku myaka 0 kugeza 35
- Uwa mbere mu bagore kuva ku myaka 36.....
- Uwa mbere mu bagabo kuva ku myaka 0 kugeza 35
- Uwa mbere mu bagabo kuva ku myaka 36

Abo bane nibo bazahembwa.

.../...

-) Isiganwa lizaba kuburebure bw'ikilometero kimwe kubagore n'abagabo bakuze (36.....):
n'ibilometero bibili (2 km) kubagore n'abagabo bato (10 - 35 ans)
-) "Départ" izatangwa n'umunyamakuru kuli Radio Rwanda kandi izaba zaa mbili (8h00).
Ni ukuvuga ko buli muyobozi azaba afite iradiyo, atege amatwi, maze umunyamakuru navuga ngo bagende abisubiremo abagomba kwiruka.